**ARRETE PRESIDENTIEL No 293/04 DU 15 MAI 1987 RELATIF AUX REGLES DE CONSTITUTION, DE GESTION ET DE COMPTABILITE DES ASSOCIATIONS INTERCOMMUNALES FORMEES PAR LES COMMUNES RURALES EN VUE DE LA GESTION COMMUNE D'OUVRAGES ET DE SERVICES HYDRAULIQUES.**

Nous, HABYARIMANA Juvénal,
Président de la République,

Vu la loi du 23 novembre 1963 portant organisation communale, telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en ses articles 89 et 90;

Vu le décret-loi No 23/79 du 31 août 1979 sur la comptabilité publique, spécialement en son article 19;

Vu l'arrêté présidentiel No 213/01 du 15 décembre 1967 portant règlement général de la comptabilité communale;

Vu l'arrêté présidentiel No 292/04 du 15 mai 1987 relatif aux règles de constitution, de gestion et de comptabilité des régies des communes rurales pour la prise en charge des ouvrages et services d'approvisionnement en eau;

Sur proposition de Notre Ministre des Travaux Publics et de l'Energie et de Notre Ministre de l'Intérieur et du Développement Communal et après avis du Conseil du Gouvernement en sa séance du 27 février 1987,

AVONS ARRETE ET ARRETONS :

ARTICLE PREMIER.

Au sens du présent arrêté, les communes rurales sont celles qui ont l'administration du territoire rural dans leurs attributions. En l'espèce, ce territoire est formé des secteurs et parties de secteurs communaux qui ne sont pas inclus dans les limites des circonscriptions urbaines et qui, par ailleurs, ne font pas l'objet de monopoles de desserte par d'autres organismes de production, transport et distribution d'eau.

ART. 2.

Pour la bonne et diligente application du présent arrêté, l'Association intercommunale est réputée, dans les domaines de sa compétence, se substituer aux communes membres de ladite association et être assujettie aux mêmes règles d'organisation, de fonctionnement, de comptabilité et de tutelle, sauf dispositions particulières contraires du présent arrêté.

ART. 3.

Les Associations intercommunales formées par les com-

**ITEKA RYA PEREZIDA No 293/04 RYO KUWA 15 GICURASI 1987 RISHYIRAHO AMATEGEKO YEREKEYE ISHINGWA, IMITEGEKERE NO KUBARURA UMUTUNGO W'AMASHYIRAHAMWE MPUZA KOMINI AGIZWE NA KOMINI ZO MU CYARO, KUGIRA NGO AFATANYE GUCUNGA NEZA IBIKORWA N'IMIRIMO Y'AMAZI.**

Twebwe, HABYARIMANA Yuvenali,
Perezida wa Repubulika,

Tumaze kubona itegeko ryo kuwa 23 Ugushyingo 1963 rishyiraho imitegekere ya Komini, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 89 n'iya 90;

Tumaze kubona itegeko-teka No 23/79 ryo ku wa 31 Kanama 1979 ryerekeye kontabilite ya Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 19;

Tumaze kubona iteka rya Perezida No 213/01 ryo ku wa 15 Ukuboza 1967 rishyiraho amabwiriza rusange yo kubarura amafaranga ya Komini;

Tumaze kubona iteka rya Perezida No 292/04 ryo ku wa 15 Gicurasi 1987 ryerekeye amategeko ashinga reji za Komini zo mu cyaro, agenga imitegekere n'ubucungamari bwazo, kugira ngo zifate neza ibikorwa n'imirimo yo kuzigezaho amazi;

Tubisabwe na Minisitiri Wacu w'Imirimo ya Leta n'Ingufu na Minisitiri Wacu w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini kandi tumaze kumva icyifuzo cy'Inama ya Guverinema yateranye ku wa 27 Gashyantare 1987,

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE :

INGINGO YA MBERE.

Nk'uko iri teka ribisobanura, Komini zo mu cyaro ni izishinzwe ubutegetsi mu ifasi yo mu cyaro. Ubwo iyo fasi yo mu cyaro igizwe na segiteri za Komini n'ibice byazo zitari mu mbago z'imijyi kandi zo zikaba na none zitihariwe n'ibindi bigo bishinzwe gutunganya amazi, kuyayobora no kuyakwirakwiza.

INGINGO YA 2.

Kugira ngo iri teka rikurikizwe neza kandi ku buryo bufite akamaro, ishyirahamwe mpuza-Komini, hakurikijwe ibyo rishinzwe, riri mu kigwi cy'amakomini agize iryo shyirahamwe kandi rigakurikiza amategeko amwe y'imitegekere, imikorere y'ubucungamari n'ayo kugenzurwa mu bikorwa, uretse amabwiriza y'umwihariko anyuranye n'avugwa muri iri teka.

INGINGO YA 3.

Amashyirahamwe mpuza-Komini yashyizweho na Ko-

munes rurales gèrent les ouvrages hydrauliques appartenant en commun aux communes membres ou appartenant en propre à l'association elle-même.

Les associations intercommunales peuvent en outre recevoir de leurs membres mission de prendre en charge la maintenance d'ouvrages ou la prestation de services communaux.

ART. 4.

L'association intercommunale est créée par délibérations des conseils communaux approuvant les statuts de l'association et autorisant les Bourgmestres à les signer.

ART. 5.

Conformément à l'article 36 de la loi du 23 novembre 1963 portant organisation communale, le ou les préfets compétents peuvent réunir sous leur présidence deux ou plusieurs conseils communaux, en vue de hâter et faciliter la constitution des associations intercommunales.

ART. 6.

Dans l'attente de la constitution d'une association intercommunale, deux communes ou plus, peuvent, de leur propre initiative créer une structure pré-associative de coordination, chargée de préparer les décisions relatives aux affaires et intérêts communs.

ART. 7.

Le conseil intercommunal est l'instance délibérative de l'association. Sauf disposition contraire des statuts, chaque commune y dispose du même nombre de sièges et de voix. Chaque conseil communal désigne son ou ses représentants au conseil intercommunal.

ART. 8.

L'exécution des délibérations du conseil intercommunal incombe à un bureau qui veille à l'administration de l'association. Les modalités de constitution du bureau et de nomination de son président sont déterminées par les statuts.

ART. 9.

Lorsqu'une association intercommunale est déclarée d'intérêt national par arrêté du Ministre qui a l'hydraulique dans ses attributions, celui-ci ou son représentant préside de droit les réunions du conseil.

mini zo mu cyaro zicunga ibikorwa by'amazi zihuriyeho cyangwa bifitwe n'ishyirahamwe ubwaryo.

Amashyirahamwe mpuza-Komini ashobora na none guhabwa ubutumwa na Komini ziyagize kugira ngo zishingire imirimo ituma ibyo bikorwa bihore bimeze neza cyangwa kugira ngo zikore imirimo yindi ya Komini.

INGINGO YA 4.

Ishyirahamwe mpuza-Komini rishyirwaho n'ibyemezo by'inama za Komini byemeza amategeko arigenga kandi riha ba Burugumesitiri uburenganzira bwo kuyashyiraho umukono.

INGINGO YA 5.

Hakurikijwe ingingo ya 36 y'itegeko ryo ku wa 23 Ugushyingo 1963 rishyiraho imitegekere ya Komini, Perefe umwe cyangwa ba Perefe babigenewe bashobora gutumiza kandi bakayobora inama ebyiri cyangwa nyinshi za Komini kugira ngo bihûtishe gushyiraho amashyirahamwe mpuza-Komini.

INGINGO YA 6.

Mu gihe hatarashyirwaho ishyirahamwe mpuza-Komini, Komini ebyiri cyangwa nyinshi zishobora gushyiraho, zibyishakiye, urwego rw'agateganyo rwo guhuza imirimo no gutegura ibyemezo byerekeye ibyo Komini zikeneye kandi bizifitiye akamaro.

INGINGO YA 7.

Inama mpuza-Komini ni urwego rw'ishyirahamwe rufata ibyemezo by'ishyirahamwe. Keretse iyo amategeko agenga ishyirahamwe abiteganya ukundi, buri Komini igira umubare w'amajwi n'abayihagarariye bingana. Buri nama ya Komini ishyiraho umuntu umwe cyangwa benshi bayihagarariye mu nama mpuza-Komini.

INGINGO YA 8.

Irangiza ry'ibyemezo by'inama mpuza-Komini rishinzwe biro igomba kwita ku mitegekere y'ishyirahamwe. Uburyo bwo gushyiraho biro no gutora Perezida wayo buteganywa n'amategeko agenga ishyirahamwe.

INGINGO YA 9.

Iyo iteka rya Minisitiri ushinzwe iby'amazi rivuze ko ishyirahamwe mpuza-Komini rifitiye Igihugu akamaro, ni we bwite cyangwa intumwa ye iyobora inama.

ART. 10.

Tout conseil intercommunal peut constituer un comité intercommunal consultatif en matière de l'eau. Ce comité rend des avis sur toutes les questions intéressant le secteur de l'eau.

Le comité intercommunal de l'eau comprend tous techniciens et toutes personnalités que le conseil intercommunal désigne, dont notamment des représentants des usagers.

La constitution d'un tel comité est obligatoire lorsque l'association intercommunale n'a pas désigné de régisseur associatif. En ce cas, les représentants des usagers forment la majorité des membres du comité, lequel est alors obligatoirement saisi pour avis des projets des délibérations du conseil intercommunal les plus importantes.

ART. 11.

La répartition des charges entre les communes membres de l'association intercommunale et les règles de maintenance des ouvrages et de gestion des services placés sous la responsabilité de l'association intercommunale ou de ses membres sont déterminées par un règlement adopté à l'unanimité par le conseil intercommunal, au sens de l'article 32 de la loi du 23 novembre 1963 portant organisation communale.

ART. 12.

Les associations intercommunales constituent, organisent et font fonctionner en lieu et place des communes qui en sont membres, des régies intercommunales administratives, professionnelles et associatives au sens de l'arrêté présidentiel relatif au règles de constitution, de gestion et de comptabilité [illegible] des communes rurales en vue de la prise en charge des ouvrages et services d'approvisionnement en eau.

ART. 13.

Outre les attributions des articles 11 et 12 du présent arrêté reconnues de droit à toute association intercommunale, celle-ci exerce, en matière d'hydraulique rurale, en lieu et place des communes membres, les compétences que ces dernières lui auraient expressément déléguées par le moyen de dispositions particulières des statuts et par le moyen de mandats particuliers ultérieurs.

ART. 14.

La tutelle sur les actes des associations intercommunales prend la même forme que la tutelle sur les actes des communes relatifs aux mêmes objets.

Toutefois, lorsque l'association compte parmi ses membres des communes appartenant à des préfectures différentes, les pouvoirs impartis aux préfets sont exercés par le Ministre qui a l'Intérieur dans ses attributions.

INGINGO YA 10.

Inama yose mpuza-Komini ishobora gushyiraho komite mpuza-Komini igishwa inama ku byerekeye ibibazo by'amazi. Iyo komite ivuga icyo itekereza cyose cyerekeranye n'amazi.

Komite mpuza-Komini y'amazi igizwe n'impuguke mu bya tekiniki n'abandi bantu bose bashyirwaho n'inama mpuza-Komini, barimo cyane cyane abahagarariye abavomyi.

Gushyirwaho kw'iyo komite biba ngombwa iyo ishyirahamwe mpuza-Komini riterekanye umuyobozi wa reji y'ishyirahamwe. Muri icyo gihe, abahagarariye abavômyi bagira umubare munini muri komite, ikaba ari na yo igomba kubazwa icyifuzo cyayo ku byemezo bikomeye inama mpuza-Komini ishaka gufata.

INGINGO YA 11.

Kugabagabanya imirimo hagati y'amakomini agize reji y'ishyirahamwe mpuza-Komini n'amategeko yerekeye uko ibikorwa by'amazi bigomba guhora bimeze neza n'ayerekeye gucunga imirimo ishinzwe ishyirahamwe mpuza-Komini cyangwa ishinzwe Komini zirigize, biteganywa n'icyemezo cyemewe n'inama mpuza-Komini nk'uko bivugwa mu ngingo ya 32 y'itegeko ryo ku wa 23 Ugushyingo 1963 rishyiraho imitegekere ya Komini.

INGINGO YA 12.

Mu kigwi cy'amakomini ayagize, amashyirahamwe mpuza-Komini, ashyiraho reji mpuza-Komini, imitegekere yazo n'uko zikora, zaba iza Komini, izishingiye ku myuga cyangwa iz'ishyirahamwe, nk'uko bisobanuye mu iteka rya Perezida ryerekeye amategeko ashinga reji za Komini zo mu cyaro, agenga imitegekere n'ubucungamari bwazo, kugira ngo zifate neza ibikorwa n'imirimo yo kuzigezaho amazi.

INGINGO YA 13.

Uretse imirimo ivugwa ku ngingo ya 11 n'iya 12 z'iri teka ishinzwe ishyirahamwe mpuza-Komini, mu byerekeye iby'amazi kandi mu kigwi cya za Komini zirigize, rikoresha ububasha ryahawe na zo rikurikije ibivugwa mu mategeko azigenga, zinashingiye kandi ku butumwa bwihariye zishobora kuzahabwa.

INGINGO YA 14.

Igenzurwa ry'ibikorwa by'amashyirahamwe mpuza-Komini ni rimwe n'iryerekeye ibikorwa bya Komini igihe zikora nk'iyo mirimo.

Ariko rero, iyo ishyirahamwe rigizwe na Komini ziri mu maperefegitura atandukanye, ububasha bwa ba Perefe bukoreshwa na Minisitiri ushinzwe Ubutegetsi bw'Igihugu.

ART. 15.

Lorsque plusieurs communes ont à prendre en charge certaines tâches communes et à répartir les frais correspondants mais jugent inopportun de constituer, pour ce faire, une association intercommunale, lesdites communes forment par délibération concordante, au besoin selon la procédure de l'article 36 de la loi du 23 novembre 1963 portant organisation communale une entente intercommunale dépourvue de personalité juridique.

L'entente intercommunale ainsi formée peut détenir des fonds et ouvrir un compte bancaire.

Les Administrateurs de l'entente peuvent être des représentants des régies associatives concernées.

ART. 16.

Les statuts d'une association intercommunale peuvent prévoir la création au sein de l'association de sections distinctes regroupant des communes membres liées par des intérêts communs spécifiques. Les capacités juridiques de ces sections sont définies par les statuts. Elles peuvent se voir confier par les instances dirigeantes de l'association toutes tâches de gestion et de coordination.

ART. 17.

Lorsqu'une commune refuse de faire partie d'une association ou d'une entente intercommunale, ou bien refuse de se plier aux règles de répartition des charges et des frais tout en continuant à bénéficier des prestations, avantages et services communs, la contribution de cette commune ainsi que son versement à l'association ou à l'entente concernée sont fixées comme en matière de dépenses obligatoires selon la procédure de l'article 136 de la loi du 23 novembre 1963 portant organisation communale.

ART. 18.

Les associations intercommunales et leurs régies présentent leurs budgets et comptes selon les règles applicables aux communes et à leurs régies.

Les modalités de présentation éventuellement en forme simplifiée des budgets et des comptes des associations intercommunales et de leurs régies sont précisées, s'il est nécessaire, par arrêté du Ministre qui a l'Intérieur dans ses attributions.

ART. 19.

Notre Ministre des Travaux Publics et de l'Energie et Notre Ministre de l'Intérieur et du Développement Communal sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

INGINGO YA 15.

Iyo Komini nyinshi zigomba kwikorera imirimo zihuriyeho kandi zigomba kwigabagabanya amafaranga agenda kuri iyo mirimo, ariko zikabona ko atari ngombwa gushyiraho ishyirahamwe rizihuza, zimaze kubyumvikanaho, zishobora gushyiraho amasezerano y'ubwumvikane azihuza nta buzima gatozi ndetse byaba ngombwa hagakurikizwa uburyo buvugwa ku ngingo ya 36 y'itegeko ryo ku wa 23 Ugushyingo 1963 ryerekeye imitegekere ya Komini.

Ayo masezerano ari hagati ya za Komini ashobora gutuma zigira amafaranga yazo kandi zigafungura konti muri banki.

Ubutegetsi bushingiye kuri ayo masezerano bushobora gushingwa abahagarariye za reji z'amashyirahamwe yiyumvikaniye.

INGINGO YA 16.

Amategeko agenga ishyirahamwe mpuza-Komini ashobora gutegeka ko ryakwiremamo amatsinda yihariye ahuza Komini zibifitemo inyungu rusange zizwi. Ububasha bw'ayo matsinda busobanurwa mu mategeko ayagenga. Zishobora gushinga ayo matsinda imitegekere yayo no guhuriza hamwe imirimo.

INGINGO YA 17.

Iyo Komini yanze kujya mu ishyirahamwe cyangwa yanze kugira amasezerano mpuza-Komini cyangwa se iyo yanze gukurikiza amabwiriza yo kwigabagabanya imirimo n'amafaranga ajyana na yo kandi igakomeza kugira icyo ihabwa ku misanzu, ku nyungu no ku mirimo rusange, umusanzu igomba, n'uburyo igomba kuwushyikiriza ishyirahamwe cyangwa ubutegetsi bushingiye kuri ya masezerano, ushyirwaho nk'uko bigenda ku mafaranga agomba gukoreshwa, hakurikijwe ingingo ya 136 y'itegeko ryo ku wa 23 Ugushyingo 1963 ryerekeye imitegekere ya Komini.

INGINGO YA 18.

Amashyirahamwe mpuza-Komini na reji zayo zerekana ingengo y'imari na konti zayo hakurikijwe amategeko Komini na reji zayo zikurikiza.

Uburyo bworoshye bwo kugaragaza ingengo y'imari na konti z'amashyirahamwe mpuza-Komini n'iza reji zayo bugaragazwa, iyo bibaye ngombwa, n'iteka rya Minisitiri ushinzwe Ubutegetsi bw'Igihugu.

INGINGO YA 19.

Minisitiri Wacu w'Imirimo ya Leta n'Ingufu na Minisitiri Wacu w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini bashinzwe kubahiriza iri teka.

ART. 20.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République Rwandaise.

Kigali, le 15 mai 1987.

INGINGO YA 20.

Iri teka rizatangira gukurikizwa ku munsi rizatangarizwaho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 15 Gicurasi 1987.

HABYARIMANA Juvénal,
Général-Major.

Le Ministre des Travaux
Publics et de l'Energie,

Minisitiri w'Imirimo ya
Leta n'Ingufu,

NZIRORERA Joseph.

Le Ministre de l'Intérieur
et du Développement Communal,

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
n'Amajyambere ya Komini,

HABANABAKIZE Thomas.